never again – Rwanda –

# INYOBORABIGANIRO IGENEWE ABA [PEACE AGENTS] MURI GAHUNDA YO KOMORA IBIKOMERE MU MURYANGO NYARWANDA




Never Again Rwanda

Ishami ryo kubaka amahoro no komora ibikomere by'umutima yakozwe na Adelite MUKAMANA

Abandi bagize uruhare Debby KAREMERA I Emilienne MUKANSORO I Florence BATONI I Josee UKEYE I Omar NDIZEYE I Grace USANASE

# INTANGIRIRO



Never Again Rwanda ni umuryango nyarwanda utari uwa leta washinzwe nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi mumwaka wa 2002 ufite intumbero yo kubaka umuryango nyarwanda aho buri muturage ari ishingiro n'imbarutso y'impinduka mu gukorera hamwe kugirango hubakwe amahoro arambye.

Kuva mu mwaka 2015, Never Again Rwanda ifatanije n´umuryango Interpeace yashyize mu bikorwa gahunda y'imyaka ine ku komora ibikomere mu muryango nyarwanda n' uruhare rw'umuturage mu miyoborere. Iyo gahunda iterwa inkunga na ambasade ya Suwede mu Rwanda.

Intego y'iyo gahunda ni ugufasha abanyarwanda komora ibikomere bikomoka ku mateka abanyarwanda baciyemo , gukemura amakimbirane mu buryo budahutaza no guha ubushobozi abaturage bwo kugira uruhare ku byemezo bifatwa muri gahunda na politiki zibagenewe.

Nyuma y'ubushakashatsi bwakozwe na Never Again Rwanda, ku miryango ikora mu bijyanye no komora ibikomere no kubaka amahoro hagamijwe kumenya ibyakozwe; Never Again Rwanda imaze kureba uburyo abandi babikoze; ibyo bigiye mu bikorwa bakoze no kwigira ku inararibonye ry'ababikoramo, yahisemo gukoresha uburyo bw'amatsinda afunze agizwe n'abantu 30 baturuka mu byiciro bitandukanye by'abanyarwanda. Amatsinda 15 y'ibiganiro yamaze igihe cy'imyaka ine yakoreraga mu turere 13 harimo amatsinda atanu y'urubyiruko ruri mu mashuri, 5 y'urubyiruko rutiga n'amatsinda 5 y'abakuze.

Ubushakashatsi bwakozwe kuri ayo matsinda mbere y'uko atangira no mu gihe cyo kuyasoza bwagaragaje ko gukira ibikomere bishoboka igihe umuntu abonye ahantu bamwakira batamucira urubanza, hari umutekano uhagije kugirango abashe kuvuga ibikomere bye.

Kugirango iyo nzira ishoboke umuryango Never Again Rwanda wafata icyemezo cy´uko amatsinda yayo ayoborwa n'ababigize umwuga (Psychotherapists) bafashijwe abafashabiganiro bahawe izina rya Peace Agent "ababibyi b'amahoro".

Iyi nyoborabiganiro igamije kuzafasha Ababibyi b´amahoro kuyobora ibiganiro bigamije komora ibikomere biri mumuryango nyarwanda, ibiganiro n´imyitozo birimuri iyi nyoborabiganiro bituma umubibyi w´amahoro abasha kuyobora ibiganiro by´Itsinda cyangwa itsinda rishaka kugira ibiganiro n'abaturage baho itsinda ribarizwa.

Tuzirikane ko ubuzima buzira ibikomere aribwo nkingi y'amahoro nyayo n'iterambere rirambye.

Dr. Joseph **NKURUNZIZA RYARASA**
Umuyobozi wa Never Again Rwanda

# ISHAKIRO

INTANGIRIRO 2
ISHAKIRO 3
INTEGO RUSANGE Z'IBIGANIRO 4

**IGIKA CYA 1: KUMENYANA KW'ABAGIZE ITSINDA 7**
1.1. IKIGANIRO CYA MBERE: KWIBWIRANA KW'ABAGIZE ITSINDA : 7
1.2. GUSHYIRAHO AMAHAME AGENGA ITSINDA IGIHE IGIKORWA GITEGANIJE KUMARA 8
1.3. IBYO ABITABIRIYE ITSINDA CYANGWA IKIGANIRO BITEZE KUVAMO MU KIGANIRO 9
1.4. INTEGO Y'IBIGANIRO KURI GAHUNDA YO KOMORA IBIKOMERE 10

**IGIKA CYA 2: AMATEKA Y'U RWANDA: IBYARANZE AMATEKA Y'U RWANDA N'IBIKOMERE BIYAKOMOKAHO 11**
IGIHE CYA MBERE Y'UBUKORONI 11
IGIHE CY'UBUKORONI 11
IGIHE CYA NYUMA Y'UBUKORONI 11
2.1. IBIHE BY'INGENZI BYARANZE AMATEKA Y'U RWANDA. 12
2.2. IGIHE CYA MBERE Y'UBUKORONI 14
UBURYO BWO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU GIHE CYA MBERE Y'UBUKORONI 14
2.3 IGIHE CY'UBUKORONI 14
2.4. IGIHE CYA NYUMA Y'UBUKORONI 17
2.5. GENOCIDE YAKOREWE ABATUTSI 18

**IGIKA CYA 3 : IBIKOMERE BYO KU MUTIMA BIGARAGARA MU MURYANGO NYARWANDA 22**
3.1. 22
I GUSESENGURA IBIKOMERE BYO KU MUTIMA 22
I IBISHOBORA GUTERA IBIKOMERE: 22

**IGIKA CYA 4 : IBITEKERENO "STREOTYPES" NKA KIMWE MU MVANO Y'IBIKOMERE 25**
4.1. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO IBITEKERANO N'IBYITIRIRO 25
4.2. GUSESENGURA IBITEKERANO 26
4.3. INGARUKA Z'IBITEKERANO 27
4.4. GUHANGANA N'IBITEKERANO 28

**IGIKA CYA 5: INKOMOKO „IDENTITY" NK'IMVANO Y'IBIKOMERE BY'UMUTIMA 29**
5.1. IBIBAZO BIJYANA N'INKOMOKO „ IDENTITY" Y'UMUNTU 29
5.2. KOMORA IBIKOMERE BITERWA N'INKOMOKO 29

**6. IBIKOMERE BYIHARIYE KU BAGABO NO KU BAGORE <GENDER BASED WOUNDS> 30**
6.1. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO UMUGORE N'UMUGABO 31
6.2. GUSESENGURA IBIKOMERE BIIJYANYE BYIHARIYE KU BAGORE NO KU BAGABO 32
6.3. INGARUKA Z'IBIKOMERE BISHYINGIYE KU KUBA UMWE ARI UMUGORE UNDI ARI UMUGABO 32
6.4. GUHANGANA N'IINGARUKA Z'IBIKOMERE BYIHARIYE KU BAGORE NO KU BAGABO 32

**IGIKA CYA 7. INZIRA YO GUKIRA IBIKOMERE** **34**
7.1 KOMORA IBIKOMERE 34
7.2 INZIRA YO KOMORA IBIKOMERE 35

**IGIKA CYA 8. GUTEKEREZA BISESENGURA** **36**

**IGIKA CYA 9. GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU BURYO BUDAHUTAZA** **37**
9.2 INZIRA YO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU BURYO BUDAHUTAZA 38

**IGIKA CYA 10. KUMENYA KUVUGANA N'ABANTU N' IMIYOBORERE MYIZA** **39**
10.1 KUMUNYE KUVUGANA N'ABANTU 39
10.2 IMIYOBORERE MYIZA 40

**UMWANZURO** **40**

**IBITABO BYIFASHISHIJWE** **41**

**INTEGO Y'IYI NYOBORABIGANIRO**

Iyi nyoborabiganiro yateguriwe aba « Peace agents » babarizwa mu matsinda y'ibiganiro by'amahoro n'abandi bose bazayihugurwaho kugirango babashe kumva neza umuzi w'ibyateye ibikomere mu Rwanda, amakimbirane yaranze umuryango nyarwanda, ibitera abantu gukomereka ku mutima n'uburyo bwo kuva muri ibyo bibazo mu rwego rwo gusigasira amahoro arambye mu Rwanda.

Mu gihe cy'ibiganiro mu matsinda byamaze hagati y'imyaka ibiri n'imyaka ine, abagize amatsinda bafatanije urugendo rwo gukira ibikomere ariko banagaragaza ubushake bwo kumva neza ibyo badasobanukiwe mu muryango nyarwanda. By'umwihariko, urubyiruko benshi muri bo, ntabwo bazi amateka y'u Rwanda kandi n'imibereho y'ababyeyi babo ituma badasobanukirwa amateka y'ibyabaye mu gihugu cyabo. Kubw'ibyo, urubyiruko rukeneye guhabwa ubumenyi binyujijwe mu biganiro kugirango bahe ishusho ejo hazaza habo kuko utazi aho ava ntamenya aho ajya.

Iyi nyoborabiganiro izakoreshwa n' aba "Peace Agents", cyangwa abandi babihuguriwe.

Iyi nyoborabiganiro ikubiyemo imyitozo, udukino n'andi makuru azagufasha kuyobora ibiganiro mu matsinda cyangwa gukora ibiganiro nkangurambaga ku bijyanye no kumenya amateka, ibikomere, ibibitera, komora ibikomere no gukemura amakimbirane mu buryo budahutaza.

Inyoborabiganiro igizwe n'ibika icumi binini bibanzirizwa n'ishusho rusange y'iyi nyoborabiganiro bigasozwa n'isuzuma ry'ibiganiro.

- Igika cya mbere: Kumenyana kw'abagize itsinda
- Igika cya kabiri: Amateka y'u Rwanda
- Igika cya gatatu: Ibikomere by'umutima bigaragara mu muryango nyarwanda
- Igika cya kane: Ibitekerano nka kimwe mu mvano y'ibikomere
- Igika cya gatanu: inkomoko nk'imvano y'ibikomere by'umutima
- Igika cya gatandatu: ibikomere byihariye ku bagabo no ku bagore "gender related wounds"
- Igika cya karindwi: inzira yo gukira ibikomere
- Igika cya munani: Gutekereza byimbitse
- Igika cya cyenda: gukemura amakimbirane mu buryo budahutaza
- Igika cya cumi: kumenya kuvugana n'abantu n'imiyoborere myiza

Muri buri gika, urasangamo imyitozo yo mu matsinda cyangwa y'umuntu ku giti cye izafasha abitabiriye ibiganiro gushyira mu bikorwa ibyo baganiriyeho. Buri mwitozo utangirana n'incamake y'intego y'igikorwa, igihe umwitozo umara n'ibikoresho bikenewe. Ibyo bikurikirwa n'amabwiriza mu magambo arambuye kuri buri mwitozo abitabiriye ibiganiro bashobora kureberaho mu gihe cyose cy'ikiganiro. Reba urugero hasi.

Icyitonderwa: si ngombwa ko buri gihe ibi biganiro bihuza abari mu matsinda. Hakurikijwe ikigamijwe, uyobora ibiganiro ashobora kwifashisha aka gatabo agatanga kimwe mu biganiro bikagize.

Gusa igihe biyemeje kugira ibiganiro mu itsinda rihoraho ni byiza koi bi biganiro bikurikirana uko byateguwe muri aka gatabo.

**IBYITABWAHO MU GIHE UYOBOYE IKIGANIRO**

Twateguye gahunda y'ibiganiro isobanuye mu buryo burambuye. Iyo ukurikiye iyi gahunda, ushobora kwizera ko uzabona igihe gihagije cyo kunyura mu kiganiro cyose gukora imyitozo yose yateguwe no kwakira ibitekerezo by'abitabiriye .

Dukurikije ibyo twabonye, turasanga bimwe mu biganiro bikunze gutera ibyiyumviro/amarangamutima mu bitabiriye ibiganiro benshi aho bibuka ibihe bibi banyuzemo n'umuryango wabo n'inshuti zabo, ukabona byabateye ubwoba bikabahungabanya. Kubera iyo mpamvu rero, twabagira inama ko ibi biganiro byakorwa mu bihe bitandukanye kandi igihe amarangamutima yabaye menshi mukaba mushobora no guhagarika ikiganiro. Guha akanya ugize amarangamutima ni ngombwa kugirango yitabweho ariko anafashwe gukomeza ikiganiro. Igihe bitamukunduye uyoboye ibiganiro amaze kubyumvikanaho n'uwagize ikibazo bamenyesha itsinda ko atari bubashe gukomezanya nabo.

Umubibyi w´amahoro (Peace Agent) ashobora kuyobora ibiganiro ariko ntiyemerewe gukora ubujyanama bw'umuntu ku giti cye. Iyo bibaye ngombwa ko umwe mu bitabiriye itsinda ry'ibiganiro cyangwa ahabereye ibiganiro agaragaza ibimenyetso bikomeye by'ihungabana, umubibyi w´amahoro (peace agent) amugira inama yo kugana service z'ubuvuzi zimwegereye akaba yanamuherezayo.

Mu itsinda hashobora kugaragara kandi abantu bafite ibindi bimenyetso birengeje ubufasha butangwa n'umubibyi w´amahoro bimwe muribyo harimo imihindagurikire mu myitwarire n'imitekerereze y'umuntu. Umuntu akagaragaza ibimenyetso bidasanzwe nko kwigunga bikabije; kudasinzira, umunabi udasanzwe cyangwa uburwayi budafite ibisobanuro bisanzwe bitangwa na muganga uvura indwara z'umubiri. Ibyo byose iyo bigaragaye kuri umwe mu bagize itsinda ni ngombwa ko umubibyi w´amahoro (Peace Agent) agira inama uwo muntu kugana urwego rubizobereye rwo kwa muganga kugirango afashwe biruseho.

Peace Agent utanga  ikiganiro mu itsinda ugomba kumenya ko udakwiye kuba wenyine, agomba kuba afite umwungirije atari uwo kugufasha gukora raporo y'ibyavuye mu kiganiro gusa ahubwo ushobora no kumwunganira igihe umwe mubagize itsinda agize ikibazo.

Mbere yo gutangira ikiganiro, uganira n'abayitabiriye mugategurira hamwe gahunda ijyanye n'ibyifuzo byabo.

### 'IBIGOMBA GUKORWA N'UYOBOYE IKIGANIRO

Mbere yo gutangira ibiganiro:

- Ibuka kumenyesha abafatanyabikorwa bo muri uwo murenge,
- Shaka  unategure aho ibiganiro bizabera,
- tumira abagize itsinda ry'ibiganiro
- Ibuka kandi ibutsa ko bagomba kwitwaza ibyangombwa byabo bigendanye n'ubwishingizi bw'indwara, ,
- tegura impapuro n'ibindi bikenerwa kwandikwaho, tegura inyoborabiganiro aho zikenewe.

### Mu gihe ibiganiro biri gukorwa:

- Kuberako ibi biganiro bikora ku buzima ndetse n'ibyiyumviro by'abantu, ni ngombwa kuba muri babiri buri gihe.
- Ugomba Kandi kwitegura gufasha uwagira ikibazo icyo aricyo cyose cyamubuza gukurikira neza ibiganiro; no Kubungabunga imibereho myiza y'abari mu biganiro.

### Icyitonderwa:

- ***Buri gihe nyuma y'ikiganiro ni ngombwa kubaza abakitabiriye uko bacyumvise, icyo byabafashije ku giti cyabo, icyo bigiyemo nuko biteguye gukoresha ubumenyi bavanye mu kiganiro.***

### INTEGO RUSANGE Z'IBIGANIRO

Ibiganiro bitegurwa mu matsinda bigamije gufasha ababyitabira

- kuganira ku bikomere mu muryango nyarwanda, ibihe by'ingenzi mu mateka y'u Rwanda;  uko ubuyobozi mu Rwanda bwari buteye mu bihe bitandukanye, ibyarangaga imibanire y'abanyarwanda, ibyagiye bihuza abanyarwanda, ibyabatandukanije ndetse bikanangiza umubano bari basanganywe, ibikomere by'umutima bafite bikomoka ku mateka,
- gusesengura impamvu ziganisha ku mateka akomeretsa; komora ibikomere no kumenya gukemura amakimbirane mu buryo budahutaza.

Igihe cyose utekereza gutanga ikiganiro cyangwa gushyiraho itsinda ry'urubyiruko aho utuye banza wibaze ikibazo uje gukemera; ese urubyiruko ushaka guhuza ni bantu ki? Bafite iyihe mibereho? Basanzwe babigenza bate iyo basubiza ibibazo bahura nabyo mu buzima; n'izihe mbogamizi ubona ku bwawe.

Abahurira mu itsinda ry'ibiganiro bagomba kuba bose babyemera kandi basobanukiwe nicyo kuba mu matsinda bizabamarira.

Igihe cyose utangiye ikiganiro jya ugaruka ku ntego z'itsinda no kumahame mwiyemeje kugenderaho kugirango bifashe abagize itsinda kugira gahunda.

Umubibyi w'amahoro agomba kuba intangarugero kubyo asaba abandi gukora. Ngo kubaha igihe, kugira ibanga no kwemera ibitekerezo by'abandi atabacira urubanza.

Igihe cyose ushaka gukora itsinda rifite intego yo kuvuga ku bikomere no gukemura amakimbirane mu buryo budahutaza  ufatiye ku inararibonye yavuye mu biganiro by'igihe kirekire Never Again yagiranye n'urubyiruko, ugomba gukurikiranya izi nyigisho uko zimeze muri aka gatabo.

### Icyitonderwa:

Igihe cyose ugiye gutanga ikiganiro, ibuka kuvuga kubyo mugiye kuganiraho uwo munsi n'igihe ikiganiro kimara.

## IGIKA CYA 1: KUMENYANA KW'ABAGIZE ITSINDA



| | |
|---|---|
| 1.1. | KWIBWIRANA KW'ABAGIZE ITSINDA |
| 1.2. | GUSHYIRAHO AMAHAME AGENGA ITSINDA IGIHE IGIKORWA GITEGANIJE KUMARA |
| 1.3. | GUSESENGURA IBYO ABAGIZE ITSINDA BATEGEREJE KU KIGANIRO CY'AMAHORO N'IMPAMVU BARI MU KIGANIRO CY'AMAHORO |
| 1.4. | INTEGO Z'AMAHUGURWA |

### 1.1. IKIGANIRO CYA MBERE: KWIBWIRANA KW'ABAGIZE ITSINDA :

**Umwitozo:**

| | |
|---|---|
| INTEGO | kumenyana ni ishingiro ryo kubaka icyizere ku bantu biyemeje gukora urugendo rwo komora ibikomere no gusangira ubuzima bwite. |
| UBURYO | Uratangira usaba abantu uko begeranye buri wese agafata mugenzi we badasanzwe baziranye cyane. Kujya mu matsinda ya babiri<br>Urasaba buri tsinda kujya ahantu ryumva ryisanzuye kugirango babashe kuganira neza |
| IGIHE | Iminota 30 |
| IBIKENEWE | Gushaka aho amatsinda yaganirira mu buryo bwisanzuye kandi ntakindi kibarangaza cyangwa ngo kibabuze kumvikana |

**Uko umwitozo ukorwa :**

Uyobora ibiganiro atangira abwira abarimo ko bagiye kwibwirana mu buryo badasanzwe bamenyereye. Ubwo buryo buraza gufasha buri wese kumenya mugenzi we kuburyo buruseho. Ushobora kuvuga uti : Twese dusa n'abivuga ku buryo bumwe, akenshi tuvuga amazina yacu, aho duturuka, ndetse n'akazi dukora. Ibi bishobora guhinduka bitewe n'uwo turi kubwira, ariko nanone, aya makuru ntaba ahagije kandi nta nubwo atuma ikiganiro cyoroha.

Hano hari uburyo bushya bwo kwibwirana no kumenyana. Uyu mwitozo ushobora kugufasha kwibuka ko twese dufite andi makuru arenze ayo twabwirana hano nk'amazina n'ibyo dukora.

**INGINGO Z'INGENZI ZISHOBORA GUFASHA PEACE AGENT GUTANGA AMAKURU Y'INYONGERA KUBYAGANIRIWE.**

- Umuyobozi w'ibiganiro azafasha gushaka uburyo bwose bushoboka bwo kubaka icyizere ku bagize itsinda, kwigira mu biganiro no mu mirimo yo mu matsinda. Ibi birimo: guha abagize itsinda urubuga rwo kuvuga ingorane bahura nazo, gutanga ibitekerezo n'ibyifuzo byabo no kuvuga mu ncamake ibitekerezo by'ingenzi.

Tugiye kwibwirana tugerageza kuzuza interuro zikurikira.

Hano hari uburyo abantu bagiye kwibwirana.

1. Saba abantu gukora amatsinda ya babiri.
2. Babwire babazanye ibintu 5 bimubangamira n'ibindi bitanu bakunda, harimo n'ikintu gitangaje cyaba cyarababayeho mu buzima. (Buri wese abaze mugenzi we, mu gihe kingana n'iminota itanu)
3. Saba buri wese kubwira abandi mugenzi we.
4. Buri wese agomba kugira icyo avuga ku byo abantu batandukaniyeho, n'ibyo bahuriyeho nyuma yo kwibwirana.
5. Gushima ibyo tumaze kumenya kuri bagenzi bacu bitandukanye, no gushima intambwe y'ubucuti n'ubuvandimwe itangiye kugerwaho. Gushishikariza abagize itsinda kumenya amazina ya bagenzi babo no kuyakoresha mu gihe cyose bazamarana.

## 1.2. GUSHYIRAHO AMAHAME AGENGA ITSINDA IGIHE IGIKORWA GITEGANIJE KUMARA




| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Gufasha abagize itsinda/abitabiriye ikiganiro gushyiraho urubuga buri wese yakwisanzuramo atabangamiye undi. |
| **UBURYO** | Ibibazo n'ibisubizo |
| **IGIHE** | Iminota 30 |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro binini n'ibikaramu binini by'amabara.<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

1. Kumanika igipapuro (niba hari igihari) buri wese akagira uruhare rwo gushyiraho ihame atekerezako ryafasha itsinda ryabo kugenda neza.

> **INGINGO Z'INGENZI ZISHOBORA GUFASHA PEACE AGENT GUTANGA AMAKURU Y'INYONGERA KUBYAGANIRIWE.**
>
> - Kubw'ubusugire bw'itsinda, ni ngombwa ko abagize itsinda bemeranya ku mahame y'ibanze kandi buri wese akiyemeza kuyakurikiza
>
> 2. Dore amwe mu mahame rusange;  gusa ntagarukiye kuri aya akurikira
>    - Kugira ibanga
>    - Kumva no kubaha uburenganzira bw'abandi
>    - Kugira kwihangana no kwihanganirana
>    - Gusobanukirwa imyitwarire ya kimuntu ikenewe muri bagenzi bawe
>    - Ubwizerane mu bagize itsinda
>    - Gusobanukirwa ibintu byose byagira ingaruka ku muntu wakomeretse
>    - Kudacirana urubanza
>    - Gutega amatwi mugenzi wawe
>    - Gusobanukirwa icyo undi ashatse kuvuga naho yaba atavuze (uhigimye, yimyoje,..)

**1.3. IBYO ABITABIRIYE ITSINDA CYANGWA IKIGANIRO BITEZE KUVAMO MU KIGANIRO**

| **UMWITOZO** | |
|---|---|
| **INTEGO** | Gufasha abagize itsinda/abitabiriye ikiganiro kumenya neza intego biteze kugeraho no kumva icyo itsinda rizabagezaho. |
| **UBURYO** | Ikibazo: Kuki uri hano? |
| **IGIHE** | Iminota 30 |
| **IBIKENEWE** | Igipapuro kinini<br>Amakaramu (Markers)<br>Iyo nta gipapuro kinini gihari buri wese ayandika ku gapapuro kazajya kamwibutsa. |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

- Kumanika igipapuro (Igihe gihari) buri wese akagira uruhare rwo gushyiraho icyo ateze ku itsinda.
- Peace agent asoma ibyo buri wese yanditse barangiza bakarebera hamwe ibyo itsinda ryashobora gufasha nibyo ritashobora. Ibyo bituma buri wese amenya uko azava mu itsinda amerewe.

> **INGINGO Z'INGENZI ZISHOBORA GUFASHA PEACE AGENT GUTANGA AMAKURU Y'INYONGERA KUBYAGANIRIWE.**
>
> - Buri wese agomba kumenya intego itsinda rizamugezaho kugirango bigabanye ikizere gikabije cyo gukemura ibibazo byose abagize itsinda bashobora kuba bafite. Bifasha kandi kubaka ubushobozi bw'abagize itsinda mukongera kurema imbaraga bifitemo zo gusubiza ibibazo bahura nabyo mu buzima.

**Uko umwitozo ukorwa:**

Baza buri muntu wese witabiriye:

- Kubera iki uri hano? Ni iki wizeye kuhakura?
- Ni iki wumva witeze kwiga?
- Ni iki wifuza kwiga?

Buri wese namara gusubiza, vuga intego ya porogaramu yo komora ibikomere, usubize ibibazo byose ndetse ugerageza gusobanura amagambo n'interuro byaba bitumvikanye neza.

## 1.4. INTEGO Y'IBIGANIRO KURI GAHUNDA YO KOMORA IBIKOMERE

| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Umubibyi w´amahoro (Peace Agent) aragerageza gusobanura intego ya porogaramu yo komora ibikomere, usubize ibibazo byose ndetse ugerageza gusobanura amagambo n'interuro byaba bitumvikanye neza. |
| **UBURYO** | Gusobanura gahunda yo komora ibikomere<br>Kubaza abagize itsinda niba yumvikanye neza no<br>Gusobanura aho bitumvikanye neza.<br>Kubwira abagize itsinda icyo gahunda izamara ugaruka cyane ku byo bifuza kugeraho. |
| **IGIHE** | Iminota 30 |
| **IBIKENEWE** | Inyoborabiganiro igenewe Ababibyi b´amahoro (Peace Agent) |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

1. Manika urupapuro runini rwanditseho intego nkuru za gahunda yo komora ibikomere, igihe nta ruhari wasaba buri wese witabiriye kuzana agakayi gato yandikamo kazajya kamwibutsa.
2. Gusaba umwe mubagize itsinda gusoma buri ntego.
3. Kubaza uti: "ese iyi ntego irumvikana neza?"

**INGINGO Z'INGENZI ZISHOBORA GUFASHA PEACE AGENT GUTANGA AMAKURU Y'INYONGERA KUBYAGANIRIWE.**

Gahunda ya Never Again Rwanda yo komora ibikomere mu muryango nyarwanda ishyirwa mu bikorwa mu buryo bukurikira:

- Gushyiraho urubuga rutuma abarugize bisanzura, bakavuga ibyagiye bibakometsa ndetse n'ibintu bidasanzwe bivugirwa mu ruhame.
- Urubuga rufite amahame arugenga kandi yubahwa n'abitabiriye itsinda harimo kubaha ibitekerezo bitanzwe n'umwe mubagize itsinda no kubaha ubuzima bwe bwite.
- Iyo umuntu avuga ubuzima bwe niwe uba ubuzi kurusha abandi. Ntawe ufite uburenganzira bwo gushaka gusobanura ubuzima bw'undi cyangwa kujora amateka undi yanyuzemo
- Urubuga rufasha abarugize kongera kubaho badaheranwe n'ibyabakomerekeje, no gushobora kongera kubana n'abandi mu buryo butabaremereye.
- Urubuga rufasha abarugize kugira ubushobozi bwo gukemura amakimbirane mu buryo buhadutaza.

### IGIKA CYA 2: AMATEKA Y'U RWANDA:  IBYARANZE AMATEKA Y'U RWANDA N'IBIKOMERE BIYAKOMOKAHO


| | |
|---|---|
| 2.1. | IBIHE BY'INGENZI BYARANZE AMATEKA Y'U RWANDA: |
| 2.2. | IGIHE CYA MBERE Y'UBUKORONI |
| 2.3. | IGIHE CY'UBUKORONI |
| 2.4. | IGIHE CYA NYUMA Y'UBUKORONI |
| 2.5. | GENOCIDE YAKOREWE ABATUTSI |
| 2.6. | KONGERA KUBAKA IGIHUGU NYUMA YA JENOSIDE |


### 2.1. IBIHE BY'INGENZI BYARANZE AMATEKA Y'U RWANDA.

| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Uyu mwitozo ufasha abantu kongera gufata igihe cyo gutekereza ku mateka yaranze u Rwanda, uburyo umuryango nyarwanda wabanaga, kuvumbura uburyo buri wese yahuye n'ikimuhungabanya n'uburyo yagerageje kubisohokamo. |
| **UBURYO** | Gukora mu matsinda ya batatu<br>Gushyira hamwe ibyavuye muri buri tsinda. |
| **IGIHE** | Iminota 20. |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro 5 binini byo kwandikaho. **Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa** |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

1. Gushyira abantu mu matsinda ya batatu batatu.
2. Kubasaba kubwirana aho buri wese yari ari n'uko yari ariho mu myaka y'ubuto bwe ishize, ibihe yibuka byaranze amateka y'umuryango we n'umuryango nyarwanda muri rusange.
3. Ku mubaza aho ari ubu n'uko ariho muri iki gihe.
4. Iyo buri wese amaze kubwira mugenzi we no kumwumva haba ikiganiro muri rusange kubimaze kuganirwaho. Haba umwanya wo kuvuga ibyo umuntu yabwiwe n'uwo baganiriye, singombwa ariko ko bose bahetura.

**INGINGO Z'INGENZI ZISHOBORA GUFASHA PEACE AGENT GUTANGA AMAKURU Y'INYONGERA KUBYAGANIRIWE.**

Intego nyamukuru y'iyi nsanganyamatsiko ni ugusesengura bimwe mubyo umuryango nyarwanda wari wubakiyeho byatumaga ubana, zimwe mu mpamvu zafatwa nk'imvano y'ibibazo by'ubuzima rusange mu Rwanda. Ibi bizafasha abagize itsinda kumenya ibihe by'amateka y'u Rwanda n'uburyo byateje ingorane tubona muri iki gihe.

ibihe binini bivugwa mu mateka y'u Rwanda ni:

- igihe cya mbere y'ubukoroni,
- igihe cy'ubukoroni,
- igihe cya nyuma y'ubukoroni
- jenoside yakorewe abatutsi ndetse no
- Kongera kubaka igihugu nyuma ya jenoside.

**UMWANZURO**

- Mu buryo bumwe cyangwa ubundi abanyarwanda bo mu ngeri zitandukanye bahuye n'ibibahungabanya.
- Abantu bahuye n'ibibazo bikomeye kurushaho ubwo hakorwaga jenoside yakorewe abatutsi abantu baricwa n'abasigaye bashegeshwa n'ingaruka za jenoside
- Abayikoze nabo bagizweho ingaruka nibyo bakoze, bamwe barafunzwe basiga imiryango yabo itorohewe n'ipfunywe rikomoka ku byaha bamwe batagizemo uruhare cyane cyane abana.
- Abanyarwanda bari barahejwe m u gihugu cyabo bagize ibikomere bakomora ku kuba mu buzima bw'ubuhunzi no kuvutswa uburenganzira bwo kugira uruhare ku gihugu cyabo cy'u Rwanda.
- Abana bakomoka muri ibyo byiciro byombi bigize umuryango Nyarwanda nabo ntiboroherwa ni ingaruka zasizwe nayo mateka mabi igihugu cyacu cyanyuzemo
- Nubwo hari bamwe bagize amahirwe yo gusohoka mu bikomere ku bwabo ariko, Urugendo rwo komora ibikomere mu muryango nyarwanda rureba benshi mu muryango nyarwanda.

## 2.2. IGIHE CYA MBERE Y'UBUKORONI



| UMWITOZO | |
|---|---|
| INTEGO | Uyu mwitozo uraha abari mu mahugurwa akanya ko kuganira ku buryo burambuye imibereho y'abanyarwanda mbere y'ubukoroni no kwivumburira bo ubwabo uburyo abanyarwanda bakemuraga amakimbirane. |
| UBURYO | Gukorera mu matsinda |
| IGIHE | Iminota 20. |
| IBIKENEWE | • Ibipapuro 5 binini byo kwandikaho, ibikaramu byo kwandikisha.<br>• Kwifashisha udukayi duto kuri buri wese igihe ibipapuro binini bitabonetse.<br>• Kwifashisha abafite ubumenyi mu byamateka igihe bashobora kuboneka aho ikiganiro cyabereye. |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

1. Gukora amatsinda ukoresheje uburyo bwo kuvuga imibare  kuva kuri 1 kugeza kuri 5 aho bishoboka
2. Kumanika mu nguni zitandukanye ibipapuro byanditseho kimwe kimwe inyuguti kuva kuri 1kugeza kuri 5
3. Gusaba buri wese kujya ku gipapuro kitiranwa n'umubare yavuze
4. gusaba abantu bavuze umubare usa kujya hamwe igihe nta bipapuro bihari

**Umwitozo**

Mukore amatsinda ya mukurikije umubare mwavuze hanyuma mu matsinda muganire ku bibazo bikurikira;

- Ubuyobozi bwari buteye bute mu gihe cya mbere y'ubukoroni?
- Imibanire y'abanyarwanda yari iteye ite mu gihe cya mbere y'ubukoroni ?
- Ni iki cyatumaga umuryango nyarwanda wunga ubumwe ?

5. Gusaba buri tsinda kuva ku gipapuro cyabo bakajya kureba ibyo abandi bakoze ndetse babona hari icyo bakongeraho bakabikora.  Gusaba ko abahugurwa basubira mu byicaro byabo.  Umubibyi w´amahoro asaba uhagarariye buri tsinda gusoma ibyo banditse no kugenda buri gihe yemeza ibiribyo, no gukuramo ibitaribyo ndetse no kongeramo ibiburamo niba ari ngombwa.
6. Igihe ibyo bipapuro bitabonetse umwe mubagize itsinda yandika ibyo baganiriye akabisangiza abandi bakagira umwanya wo kugira ocyo babivugaho.

**INGINGO Z'INGENZI ZISHOBORA GUFASHA PEACE AGENT GUTANGA AMAKURU Y'INYONGERA KUBYAGANIRIWE.**

**Ubuyobozi bw'u Rwanda mbere y'ubukoroni**

U Rwanda rwari ruyobowe n'umwami afatanije n'umugabekazi (nyina w'umwami). Amateka atubwira ko iyo Umwami yamaraga kwimikwa nta bwoko yabaga agifite yabaga ari umwami wa rubanda buri wese yabaga yibonamo.

Bakurikirwaga n'umutware mukuru hagataho abatware batatu bari bakomeye aribo umutware w'umukenke (amashyo) umutware w'ubutaka n'umutware w'ingabo.

Uretse abo kandi hariho umutware w'umusozi, agakurirwa n'umutware w'umudugudu, hagakuriraho abakuru b'umuryango,  umutware w'inzu,  n'umutware w'umuryango.

**Imibanire y'abanyarwanda yari iteye ite mu gihe cya mbere y'ubukoroni.**

Bimwe mu byaranze imibanire y'abanyarwanda mbere y'ubukoroni harimo n'ubuhake.Ubuhake bwabaga hagati y'uhaka n'uhakwa, uhaka yabaga afite ubutunzi buruta ubw'uhakwa. Imibanire hagati y'uhaka n'uhakwa yabaga ishingiye ku igurana ry'ibintu n'ibikorwa. Inka nicyo cyari ikimenyetso cy'ubukungu bityo ukurusha inka akaba ashobora kuguhaka. Umuntu yashoboraga kuba sebuja n'umugaragu icyarimwe, bitewe n'umubare w'inka afite. Muri make umuntu wabaga ufite ubudahangarwa bwo kudahakwa yari Umwami gusa!.

Iyi mibanire yaje gukomezwa n'abakoroni irakomeza kugeza ubwo yashyizweho iherezo mu mpera z'imyaka y'1950.

Ubuhake bwakomezaga umubano w'abanyarwanda kuko uwabaga ahatse umuntu yabaga afite n'inshingano zo kumwitaho no kumurinda. Iyo umuntu yabaga akurusha sebuja ufite amaboko yabaga akurusha ubudahangarwa. Niyo mpamvu kenshi umuntu yirahiraga sebuja.

**Ibyahuzaga abantu mbere y'ubukoroni**

Kimwe mubintu cy'ingenzi cyahuza abanyarwanda cyane ni ururimi rwabo. Hari kandi n'indi migenzo yakomezaga ubushuti n'imibanire y'abanyarwanda harimo kunywana, aho abantu banywanaga basezeranaga kutazahemukirana no kubana amahoro mu muryango nyarwanda.

Imbyino, indirimbo, imivugo n'ibyivugo bishingiye ku muco, gushyiringirana, imigenzo n'imiziririzo, kwera no kwirabura, nabyo byari inkingi ikomeye yatumaga abantu bunga ubumwe.

**UBURYO BWO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU GIHE CYA MBERE Y'UBUKORONI**

Mu matsinda yanyu, muganire ku bibazo bikurikira

1. Ni ibihe bintu nyamukuru byateraga amakimbirane mu gihe cya mbere y'ubukoroni?
2. Amakimbirane yakemurwaga ate mu gihe cya mbere y'ubukoroni?

**INGINGO Z'INGENZI zishobora gufasha peace agent gutanga amakuru y'inyongera kubyaganiriwe:**

Mbere y'ubukoroni nta bapolisi babagaho, ahubwo umuryango nyarwanda muri rusange niwo wikemuriraga amakimbirane.

Umuntu iyo yicaga undi habagaho ibyo bita guhora. Umuryango ufite umuntu wishe watangaga uwicwa mu buryo bwo guhora inzigo. Uretse kandi guhora inzigo, iyo umuntu yicaga undi, umuryango we wagombaga kujya gusaba imbabazi umuryango wiciwe ndetse ukajyana n'inka, iyo bitagendaga gutyo habagaho kwihorera. Kwihorera byashobora gutuma habaho inzigo idashira hagati y'umuryango n'undi.

Uretse ibyo abanyarwanda bagira uburyo bakemuramo amakimbirane asanzwe mu icyo bitaga Gacaca yarebaga abahuguza abandi cyangwa abahemukiranye.

ubucamanza bwakorwaga n'abakuru b'imiryango ariko umucamanza mukuru yari umwami

**UMWANZURO**

- Umuryango nyarwanda wari ufite uburyo ukemuramo amakimbirane ataragera Kure kandi byafashaga abawugize gukomeza umubano. Umwami yakomezaga kubungabunga ubusugire bw'imibanire y'abanyarwanda bigatuma buri wese atapfa guhohotera undi.

**2.3 IGIHE CY'UBUKORONI**

| **UMWITOZO** | |
|---|---|
| **INTEGO** | Nyuma y'uyu mwitozo abari mu mahugurwa barabasha kumenya ndetse no gusobanura ibihe by'ingenzi byaranze igihe cy'ubukoroni |
| **UBURYO** | Ibiganiro mu matsinda |
| | Iminota 20. |
| **IGIHE**<br>**IBIKENEWE** | Ibipapuro binini n'ibikaramu byo kwandikisha.<br>Kwandika mu dukayi duto igihe nta gipapuro kinini bafite<br>Kwifashisha abafite ubumenyi mu by'amateka igihe bishoboka |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

Gukora amatsinda ukoresheje uburyo bwo kuvuga imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5.

Kumanika mu nguni zitandukanye ibipapuro byanditseho kimwe kimwe inyuguti kuva kuri 1kugeza kuri 5

Gusaba buri wese kujya ku gipapuro kitiranwa n'umubare yavuze

**Umwitozo**

Mukore amatsinda ya mukurikije umubare mwavuze hanyuma mu matsinda muganire ku bibazo bikurikira;

1. Ni ibihe bihugu byakoronije u Rwanda?
2. Ni ibihe bintu twakuye ku bakoroni?
3. Ni izihe ngaruka ubukoroni bwagize ku Rwanda? (imibanire, ubukungu n'imiyoborere)

Gusaba buri tsinda kuva ku gipapuro cyabo bakajya kureba ibyo abandi bakoze ndetse babona hari icyo bakongeraho bakabikora. Gusaba ko abahugurwa basubira mu byicaro byabo.

Igihe nta bipapupo binini abagize itsinda bandia mu dukayi hanyuma Umufashabiganiro asaba uhagarariye buri tsinda gusoma ibyo banditse no kugenda buri gihe yemeza ibiribyo, no gukuramo ibitaribyo ndetse no kongeramo ibiburamo niba ari ngombwa.

**INGINGO Z'INGENZI zishobora gufasha peace agent gutanga amakuru y'inyongera kubyaganiriwe.**

Umunyaburayi wa mbere winjiye mu Rwanda ni umudage, witwaga Count von Götzen, yaje kuingoma ya Rwabugiri muw'1894 waje gupfa mu mwaka wakurikiyeho.

Abadage binjiye mu Rwanda muw'1897, yakurikiwe n'abandi baturutse muri Tanzaniya bakomereza no mu Burundi, ibyo bihugu byombi biba ubukoroni bumwe aribwo bitaga Ruanda-Urundi.

Nyuma y'intambara ya mbere y'isi ubwo Ubudage bwatsindwaga, ibihugu bwakolonizaga byahawe Ububiligi muw' 1924.

Guhera 1925, ababiligi bifashishije amoko y'abanyarwanda (abatutsi, abahutu, n'abatwa) yari yarahozeho mbere y'ubukoloni, mu mikorere yabo ya gikoloni.

Ubutegetsi bw'ababirigi bwifashishe ibipimo bwari bwarashyizeho bwo gupima amazuru ngo hamenyekane abitwa abatutsi, abahutu, n'abatwa. Ibyo nibwo rwahereyo rushyiraho indangamuntu yaje kuba igikoresho gikomeye cy'amacakubiri mu banyarwanda




Mu rwego rwo gucamo ibice abanyarwanda kugirango babashe kubayobora, ubutegetsi bw'ababirigi bwatonesheje abatutsi bake bari basanzwe mu buyobozi bw'u Rwanda mu gukandamiza Abahutu n'abatutsi bo miryango iciriritse. Abahutu n'abatutsi bamwe bakoreshwaga imirimo y'agahato yo gukora imihanda, guhinga amakawa n´ibindi kandi bahagarikiwe n'abatutsi b'abatware hanyuma nabo bagatanga Raporo kubakoloni.

Mu byerekeye kwiga, batoranijwe abana b´abatware b´abatutsi baboherezа mu ushuli rya Asitirida ryigishaga iby'imiyoborere, abahutu ndetse n´abatutsi cyane cyane abatari abatware nabo boherezwa mu yandi yari asigaye. Guhera mu 1933 buri munyarwanda wese yahawe ikarita ndangamuntu, zibag aragaza nk'abahutu (85%) cyangwa se abatutsi (14%), 1% ryari risigaye bari abatwa.

ubukoloni bw'ababiligi bwagabanyije abanyarwanda, butonesha bamwe muri bo, ibyo ari nabyo byaje kubyara ihohoterwa n'amakimbirane bitari byarigeze kubaho mu bahutu n'abatutsi.

Mu gihe ibihugu byinshi byo muri Afrika byasabaga ubwigenge, u Rwanda rwasabye ubwigenge ariko ababirigi ntibabyishimira bituma bihererana igice cy'abanyarwanda b'abahutu bari bamaze kwiga cyane cyane mu mashuri y'abapadiri (seminari) batangira kubabwira ko bashobora kwigaranzura abatutsi bari ku buyobozi.

Hatangiye ubwumvikane buke hagati y'abahutu n'abatutsi ndetse n'umwami. Icyo gihe nibwo politiki y'amashyaka menshi,nka Parmehutu, Aprosoma, UNAR yari n'ishyaka ryabarizwagamo umwami n'andi byavutse. Mu gihe umwami n´´ishyaka rye UNAR yari yaramaze gusohora inyandiko isaba ubwigenge, nyuma yaho muw'1957, abiyitaga abanyabwenge icyenda b'abahutu babarizwaga mu ishyaka rya parmehutu, bari barize I

Kabgayi mu iseminari aribo **Mbonyumutwa Dominique** ariwe wabaye prezida w'inzibacyuho hamaze kujyaho repubulika ya mbere, **Kayibanda gerigori** wabaye na perezida wa republika ya mbere, **Gitera, Nzeyimana Isidore, Murindahabi, Niyonzima, Bendantunguka, Ndahayo** na **Bicamumpaka.** Bari bibumbiye mu Ishyaka MDR Parimehutu basohoye inyandiko ugenekereje mukinyarwanda yitwaga Inyandiko kubibazo by´imibereho ya abahutu (Notes sur les problemes sociales de la Masse Hutu)



yamenyekanye nka **Hutu Manifesto,**

ibi byatumye habaho amakimbirane ya politiki ariko ashingiye ku moko. Muw'1959 ubwo havuzwe ko itsinda ry'abasore b´abatutsi ryakubise urushyi uwari Perezida w'inzibacyuho Dominique Mbonyumutwa byatumye habaho icyo abanywanda bise "Muyaga" aho amazu y´abatutsi yatwikwagwa bamwe bakicwa abandi bakameneshwa bagahunga igihugu. ibi byabayeho nyuma y´icwa ry´Umwami Rudahigwa wiciwe I Bujumbura mu gihugu cy´Uburundi. iki gihe kandi cyabaye imbarutso y´ikurwaho ry´ubuyobozi bw´Ubwami bw´u Rwanda bwari bumaze Imyaka 868.

**UMWANZURO**

- Bimwe mu byashegeshe umuryango nyarwanda harimo ibyabaye mu gihe cy'ubukoroni byavanyeho ibyahuzaga abanyarwanda nk':
    - Imigenzo n'imiziririzo yari ifite agaciro gakomeye muri kirazira no kumenya indangagaciro z'ubupfura
    - Gacaca nk'uburyo bwo gukemura amakimbirane bivaho bisimburwa n'inkiko zica imanza ariko ntizita ku kintu cyari gikomeye muri Gacaca nyarwanda cyo "kunga" abafitanye amakimbirane.
    - Ubukoloni kandi bwari bwazanye n'iyogezabutumwa "evangilisation" nayo yagize uruhare mu gusenya indangagaciro z'umuryango nyarwanda. Imigenzo na kirazira biracika byimika ibibatandukanya. Na nyuma y'ubwigenge u Rwanda rwabonye kuwa 1 Nyakanga mu 1962, abari bamaze gufata ubutegetsi ntibigeze bongera kugaruka kubyahuzaga abanyarwanda ahubwo ibyakorwaga byarushijeho gucukura icyobo kibatandukanya bifashishije amako n´uturere ibi byatumye u Rwanda rugera kuri Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

### 2.4. IGIHE CYA NYUMA Y'UBUKORONI

| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Nyuma y'isomo abari mu itsinda bazabasha kumenya ibihe by'ingenzi byaranze igihe cya nyuma y'ubukoroni. |
| **UBURYO** | Gutanga ibitekerezo mu itsinda rinini |
| **IGIHE** | Iminota 20. |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro binini byo kwandikaho.<br>Ibikaramu byo kwandikisha. |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

Gukora amatsinda ukoresheje uburyo bwo kuvuga imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5.

Kumanika mu nguni zitandukanye ibipapuro byanditseho kimwe kimwe inyuguti kuva kuri 1kugeza kuri 5

Gusaba buri wese kujya ku gipapuro kitiranwa n'umubare yavuze

**Umwitozo**

Mukore amatsinda ya mukurikije umubare mwavuze hanyuma mu matsinda muganire ku bibazo bikurikira:

1. Ubukoloni bwarangiye ryari mu Rwanda?
2. Ni ibihe bihe by'ingenzi byaranze u Rwanda rwa nyuma y'ubukoloni?

**I INGINGO Z'INGENZI zishobora gufasha peace agent gutanga amakuru y'inyongera kubyaganiriwe :**

- Ibihugu byombi Ruanda-Urundi byabonye ubwigenge muw'1962. U Rwanda rwakomeje kurangwamo amakimbirane muw'1960, muw'1961 rwabaye Repubulika. Inyandiko y'izina ryarwo ihinduka Rwanda. Amatora ya mbere ya perizida yatsinzwe na Gregoire Kayibanda waturukaga mu ishyaka ryitwaga Parti du movement de l'emancipation du peuple Hutu (Parmehutu).
- Mu kwezi kwa 12 mu 1963, abari barahungiye i Burundi bateye u Rwandabaturutse I Burundi aho bari barahungiye, baje kugarukira hafi y'umurwa wa Kigali mu Ubugesera icyo gihe bahawe izina ry´inyenzi ryaje no kwitirirwa abatutsi bose muri Rusange muri uwo mwaka abatutsi barenga ibihumbi 20 (20,000) barishwe mu cyahoze cyitwa Perefegitura ya Gikongoro. Byatumye umuhanga Bertrand Russell Avuga ko mu Rwanda habaye igisa na Jenoside.
- Mumyaka ya za 1960 habayeho ibyo bitero biza kurangira mumwaka wa 1968 nyuma mumwaka wa 1973 habayeho ibihe bibiri byingenzi birimo iyirukanywa ry´abatutsi mumashuli no mumirimo ndetse no mumashuli ndetse no kujya kubutegetsi kwa Perezida Juvenali Habyarimana nyuma ya Coup d´Etat yabaye kuwa 5 Nyakanga mumwa wa 1975 yaje kumara imyaka 21 n´umwe kubutegetsi.
- Mumwaka wa 1987 Bamwe mubari bari mumpunzi zahunze mu 1959 nabandi bagiye bihuza bakora umutwe wa Rwanda Patriotic Front (RPF) Inkotanyi.
- Kuwa 1 Ukwakira 1990 nibwo habaye igitero cya mbere cyo kubohora u Rwanda.
- ku ya 4.Ukwakira1990 nibwo abatutsi bari imbere mu gihugu bafashwe barafungwa bashinjwa kuba ibyitso by'inyenzi bamwe barapfa nyuma y'ikinamico yakozwe n'ubutegetsi bwa Habyarimana barara barasa bavuga ko Kigali yafashwe n'inyenzi.
- Mumwaka wa 1991 Habyarimana yemeye ko habaho urubuga rwa Politiki rugizwe namashyaka menshi harimo na Mouvement Révolutionaire National pour le Développement, MRND), yari yarashinzwe na Perezida Habyarimana mumwaka wa 1975, amashyaka nka MDR arongera abaho bayita ko ivuguruye andi mashyaka nka PSD, PL nayo aravuka.
- Mumwaka wa 1992 Habaye yicwa ry´abatutsi mubigogwe, Bugesera na Kibilira

- Kuwa 8 Nyakanga 1993 hashinzwe Radio Télévision Libre des Mille Collines (RTLM) yamenyekanye cyane muburyo yashishikarije abahutu kwanga abatutsi ndetse ikanagira nuruhare mubyatumye Jenoside yakorewe abatutsi ijya mubikorwa RTLM yabayeho kuva kuwa 8 Nyakanga 1994 kugeza kuwa 31 Nyakanga 1994.
- Mu kwezi kwa 8 1993, nyuma y'ibiganiro byabereye Arusha muri Tanzaniya, Habyarimana yasinye amasezerano y'amahoro hamwe na RPF, ahagarika intambara ku mugaragaro
- Ku italiki ya 6 Mata 1994 nibwo Indege ya Perezida Habyarimana yahanurwaga nyuma kuwa 7 Mata 1994 hatangira Jenoside yakorewe abatutsi yahitanye abarenga Miliyoni. Kuwa 4 Nyakanga 1994 umujyi wa Kigali wari umaze gufatwa ubwo ingabo zari iza RPF Inkotanyi zabohoraga igihugu.
- Kuwa 19 Nyakanga nibwo guverinoma y'ubumwe yashyizweho iyobowe na FPR Inkotanyi
- Igihugu cyose cyari mu maboko ya FPR jenoside ihagarikwa ubwo.

## 2.5. GENOCIDE YAKOREWE ABATUTSI



| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Uyu mwitozo urafasha abari mu mahugurwa gusobanukirwa neza uburyo jenoside yashobotse mu Rwanda. |
| **UBURYO** | Amatsinda yo kuganira |
| **IGIHE** | Iminota 20. |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro binini byo kwandikaho.<br>Ibikaramu byo kwandikisha. Ibipapuro binini n'ibikaramu binini by'amabara.<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa Kwifashisha ufite ubumenyi mu by'amateka igihe ashobora kuboneka aho muri. |

[3] Gérard Prunier.(1995): the Rwanda crises (1959-1994). history of a genocide

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

Gukora amatsinda ukoresheje uburyo bwo kuvuga imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5.

Kumanika mu nguni zitandukanye ibipapuro byanditseho kimwe kimwe inyuguti kuva kuri 1kugeza kuri 5

Gusaba buri wese kujya ku gipapuro kitiranwa n'umubare yavuze

**Umwitozo**

**Mu matsinda musubize ibi bibazo:**

Jenoside ni iki ?

Intambwe ziganisha kuri jenoside

**Intambwe ziganisha kuri jenoside.**

| | | | |
|---|---|---|---|
| **1. Gushyira abantu mu byiciro** | **2. Guha itsinda ry'abantu mu amazina** | **3. Gutesha agaciro no Kwambura abantu ubumuntu** | **4. Gushyiraho gahunda yo kuzarimbura itsinda ry'abantu** |
| **5. Gushimangira urwango** | **6. gupanga kwica imbaga** | **7. Kurimbura imbaga y'abantu** | **8. Gupanga Guhakana ko genocide** |

**INGINGO Z'INGENZI:**

Jenoside ni icyaha/umugambi utegurwa na leta igamije kurimbura igice kimwe cy'abantu cyangwa abantu bose, igihugu, ubwoko, idini, mu buryo bukurikira;

(a) Kwica abagize itsinda runaka

(b) Gukomeretsa haba ku mubiri cyangwa ku mubiri abagize itsinda runaka

(c) Gushyira abagize itsinda runaka mu mibereho iganisha ku kwangiza imibira yabo, yaba umubiri wose cyangwa igice.

(d) Gushyiraho uburyo bwo kubuza abagize itsinda runaka kubyara cyangwa se kororoka.

(e) Kubategeka kohereza abana babo muri tsinda ku gahato.

umuhanga mu gusesengura ibijyanye na genoside Gergory Stanton yavuze ko hari ibyiciro bigera ku munani byerekana ko jenoside itegurwa.

**1. Gushyira abantu mu byiciro**

Abantu bose ku isi bagira ibibatandukanya bituma bavuga bati "twe" turi aba "bo" ni aba . Urugero mu bibatandukanya harimo umuco, indimi, ubwoko n'ibindi. Ibyo ubwabyo si ikibazo.

Bitangira kuba ikibazo igihe abantu batangiye kureba abo batameze kimwe bakabagirira nabi. Bimwe mu bihugu nka afrika y'epfo bagize ivangura rishingiye ku ruhu, abadage bayobowe na Hitler Aldophe bakoreye jenoside abayahudi kuko bababonaga nk'abanzi, mu Rwanda abahutu bari ku butegetsi bwa Habyarimana bakoreye abatutsi jenoside babaziza gusa ko ari abatutsi.

**2. Guha itsinda ry'abantu mu amazina**

Kimwe mu bituma itsinda ry'abantu ritandukanwa n'irindi haimo izina. Mu Rwanda hari abahutu n' abatutsi ndetse n'abatwa, mu budage hari abadage n' umuyahudi. Ahandi aba ari abakiristu cyangwa abayisilamu n'ibindi.

**3. Gutesha agaciro no Kwambura abantu ubumuntu**

Gushyira abantu mu byiciro no kuba itsinda ry'abantu rifite izina runaka ni ibintu biba mu mico

yose. Bitandira kuba bimwe mu ntambwe ziganisha kuri jenoside iyo hiyongereho gutesha abantu agaciroo no kubambur ubumuntu. Guhakana ubumuntu bw'undi nibyo bitera ubwicanyi butagira gihana. Urugero muri jenoside y'abayahudi yakozwe n'ubutegetsi bw'abadage, abayahudi biswe imbeba n'iminyorogoto. Muri jenoside yakorewe abatutsi, babise inyenzi n'inyangarwanda n'ibindi.

**4. Gushyiraho gahunda yo kuzarimbura itsinda ry'abantu**

Jenoside buri gihe irategurwa n'uburyo bwo kuzica bugategurwa kandi ibikoresho bahitamo kenshi bikaba bitarushya kuboneka. Urugero: muri cambodge abayisilamu baho bicishijwe amasuka babakata amajosi, abatutsi mu Rwanda bicishijwe amafuni, imihoro n'ubuhiri n'ibindi kuko bavuga bati singombwa gupfusha ubusa amasasu.

**5. Gushimangira urwango**

Gushimangira urwango bijyana no gutuma abantu batekereza ko badashobora kubana n'abandi uko byamera kose kugeza nubwo n'umwe bita ko ari uwabo n'adakurikiza uwo mugambi ahita ashyirwa mu kiciro cy'umwanzi. Urugero: mu Rwanda amategeko icumi y'abahutu yavugaga ko umuhutu wese utari mu ruhande rwa leta ngo fatanye n'abandi kumara abatutsi ari umwanzi. Ndetse bumwe mu bwicanyi bwatangiriye ku bayobozi b'abahutu batavugaga rumwe na leta nk'uwari minisitiri w'intebe Uwiringimana Agatha.

**6. gupanga kwica imbaga**

Gutegura jenoside bijyana no gupanga kugeza ku rutonde rw'abazicwa. Lisiti zigakorwa. Mu budage buri muyahudi yahawe numero imuranga. Mu Rwanda indangamuntu zari zirimo amoko kuburyo ku mabariyeri babamenya ku buryo bworoshye bakavanywa mu bandi bakicwa.

**7. Kurimbura imbaga y'abantu**

Byitwa kurimbura imbaga kurusha uko byakwitwa ubwicanyi. Kuko abicwa ntibaba bakitwa abantu ahubwo bitwa udukoko, inyenzi, imbeba. Kurimbura bijyana nk'ikimeze nk'ubusazi bwo gusigarana itsinda ritavangiye.

**8. Gupanga Guhakana ko genocide**

Jenoside yose ikurikirwa n'ihakana n'ipfobya ryayo. Ibyobo biracukurwa ngo imirambo ihishwe,impapuro zishobora kugaragaza amakuru ayo ariyo yose zigatwikwa. Raporo zose zivuga kuri jenoside zikitwa poropaganda. Abandi bagerageza kwerekana ko izo raporo ntacyo zimaze kuko zatanzwe n'inzego runaka zitabifitiye ubushobozi abandi bakagerageza kugabanya imibare bavuga ko abatangaz imibare bakabya, ubundi bakavuga ko imibare yabo bita ko bari kwica ahubwo ariyo myinshi y'abishwe (urugero: abahutu bapfuye nibo benshi kurusha abatutsi) cyangwa se bakavuga ko abicwa bazize intambara atari jenoside.

### 2.6. KONGERA KUBAKA IGIHUGU NYUMA YA JENOSIDE YAKOREWE A BATUTSI

| UMWITOZO | |
|---|---|
| INTEGO | Uyu mwitozo urafasha abari mu itsinda kongera gutekereza ibyabaye nyuma ya jenoside bifasha abanyarwanda kongera kwiyubaka no kubaka umubano wasenywe na jenoside yakorewe abatutsi 1994. |
| UBURYO | Gukorera mu matsinda<br>Gushyira hamwe ibyavuye mu matsinda |
| IGIHE | Iminota 20 |
| IBIKENEWE | Ibipapuro binini byo kwandikaho<br>Ibikaramu byo kwandikisha<br>Ibipapuro binini n'ibikaramu binini by'amabara.<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

1. Gukora amatsinda y'abantu nibura 6 no kubasaba kujya aho bakorera batuje bagakora kuri ibi bikurikira:
2. Gusaba buri tsinda gutekereza ibintu buri wese azi bimufasha kongera kwiyubaka nyuma ya jenoside
    - Kuvuga ibyo bikorera ku giti cyabo?
    - Ibikorwa n'abandi bibafasha kwiyubaka?
    - Ibikorwa babona byubaka umuryango nyarwanda n'ibikumira ko hakongeraho kubaho amakimbirane mu muryango nyarwanda, kurwanya no gukumira ko hatongera kubaho jenoside?
3. Gushyira hamwe ibyavuye mu matsinda no gusaba umwe mu bagize itsinda gusoma uko umuryango nyarwanda uriho wiyubaka nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi.

**INGINGO Z'INGENZI:**

Nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi u Rwanda rwatangiye kureba uko rwasana ibyari bimaze gusenywa na jenoside n'intambara. Bimwe mu byitaweho harimo

- Gushyingura inzirakarengane zari zimaze kuzira jenoside yakorewe abatutsi
- Gufasha abari bamaze gusigwa iheruheru na jenoside
- Gufasha abanyarwanda bari barahunze igihugu kongera gutuzwa
- Gutahura impunzi z'abanyarwanda zajyanwe n'ubutegetsi bwariho mu gihe cya jenoside 1994.
- Gushyiraho inkiko gacaca zigamije ubutabera mu rwego rwo guca umuco wo kudahana ariko nanone ubutabera bugamije kunga abanyarwanda.
- U Rwanda kandi rwitaye cyane ku bikorwa remezo nk'imihanda, amashanyarazi , amazi meza no gutuza abanyarwanda mu buryo bwiza bw'imidugudu butuma ibyo bikorwa bibageraho mu buryo bwihuse.
- U Rwanda rwashyizeho uburezi kuri bose ndetse n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ririmakazwa.
- U Rwanda rurihutisha ikoranabuhanga mu iterambere ariko rugashingira cyane cyane ku gufasha urubyiruko kwihangira imirimo no gukora akazi kanoze.
- Ibyo byose u Rwanda rubigeraho kuko rufite umutekano ucunzwe neza imbere mu gihugu no hanze yacyo kandi rukaba rushyize imbere ihame ry'imiyoborere myiza idaheza.

## IGIKA CYA 3 : IBIKOMERE BYO KU MUTIMA BIGARAGARA MU MURYANGO NYARWANDA



### 3.1. I GUSESENGURA IBIKOMERE BYO KU MUTIMA

| UMWITOZO | |
|---|---|
| INTEGO | Uyu mwitozo urafasha mu kongerera abahugurwa n'ubumenyi ku bijyanye n'ibikomere byo ku mutima biri mu muryango nyarwanda. |
| UBURYO | **Gukoresha ibibazo n'ibisubizo** |
| IGIHE | **Iminota 40.** |
| IBIKENEWE | **Ibipapuro byo kwandikaho.** |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

1. Gusaba abantu batatu kujya hamwe
2. Kubasobanurira uburyo bagiye kuganira

**Ibibazo**

- Buri wese arabaza undi ati : Iyo bavuze ibikomere by'umutima wumva iki ?

  Nyuma y'iminota 20 abagize itsinda baragaruka basangize abandi icyo bumva iyo abantu bavuze ibikomere by'umutima.

| UMWITOZO WA KABIRI | |
|---|---|
| **INTEGO** | Uyu mwitozo urafasha abari mu itsinda kongera gutekereza ku bikomere bafite n'ingaruka zabyo kuri bo. |
| **UBURYO** | Gukoresha ibibazo n'ibisubizo |
| **IGIHE** | Iminota 40. |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro binini n'ibikaramu binini by'amabara.<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

3. Gusaba abantu batatu kujya hamwe
4. Kubasobanurira uburyo bagiye kuganira

**Ibibazo**

- Hari abandi bantu ujya ubona bafite ibikomere aho utuye ?
- Ubwirwa niki ko umuntu afite ibikomere by'umutima ?

Buri tsinda riragaruka nyuma y'iminota makumyabiri risangize abandi ibyo babonye nk'ibikomere n'ibimenyetso biranga umuntu ukomeretse ku mutima.

| UMWITOZO WA GATATU | |
|---|---|
| **INTEGO** | Uyu mwitozo urafasha abari mu itsinda kongera gutekereza ku bikomere bafite n'ingaruka zabyo kuri bo. |
| **UBURYO** | Gukoresha ibibazo n'ibisubizo |
| **IGIHE** | Iminota 40. |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro binini n'ibikaramu binini by'amabara.<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

5. Gusaba abantu batatu kujya hamwe
6. Kubasobanurira uburyo bagiye kuganira



**Ibibazo**

- Ni ibiki wumva byagukomerekeje mu muzima bwawe ?
- Byakugizeho izihe ngaruka?

**INGINGO Z'INGENZI:**

Igikomere cy'umutima ni uko umuntu yumva amerewe mu mutima bitewe n'ishyano ryamuguyeho (ibihe bikomeye) akenshi bikarenga ubushobozi bwe bwa kamere bwo guhangana n'ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri munsi. Ibikomere by'umutima ni ikibazo gikomeye mu gihugu cyacu.

**I IBISHOBORA GUTERA IBIKOMERE:**

- Gufatwa ku ngufu no gushinyagurirwa (gusambanywa ku ngufu cyangwa ibindi bijyanye n'imibonano mpuzabitsina ku ngufu),
- Kubona uwawe bafatwa ku ngufu cyangwa bakorera undi muntu cyane uwo mufitanye isano ibindi biteye isoni bijyanye n'imibonano mpuzabitsina.
- Gukubitwa cyangwa gusagarirwa ku mubiri

- Kubona aho umuntu asagarirwa ku mubiri cyangwa akubitwa
- Gukomeretswa bikomeye
- Kubona aho umuntu akomeretswa bikomeye
- Guterwa n'umuntu ufite intwaro (umuhoro, imbunda, impiri, icyuma,…)
- Kubona igitero cyitwaje intwaro,
- Kubona abantu baciwe bimwe mu bice by'umubiri cyangwa imirambo,
- Kubona aho umuntu yicwa,
- Kubona iyicwa rya mama wawe, papa wawe,umugabo wawe,umugore wawe n'abana bawe.
- Kubona iyicwa ry'abantu benshi bicwa urw'agashinyaguro
- Kumeneshwa ku ngufu aho utuye,
- Gutekerezako ugiye gupfa,
- Kwihisha mu nsi y'imirambo,
- Kurwara indwara cyangwa kugira igikomere cyagize ingaruka ku buzima
- Gufatwa bugwate
- Guhura n'impanuka cyangwa kubona impanuka ikomeye cyangwa yica,
- Kuba mu bihe by'intambara
- Guba mu bihe bya Jenoside,(gutotezwa n'ivangura, guhigwa, kubona abawe bicwa urwagashinyaguro…)

## IGIKA CYA 4 : IBITEKERENO “STEREOTYPES“ NKA KIMWE MU MVANO Y‘IBIKOMERE

| | |
|---|---|
| 4.1. | IBISOBANURO BY’AMAGAMBO IBITEKERANO N’IBYITIRIRO |
| 4.2. | GUSESENGURA IBITEKERANO |
| 4.3. | INGARUKA Z’IBITEKERANO |
| 4.4. | GUHANGANA N’IBITEKERANO |

### 4.1. IBISOBANURO BY’AMAGAMBO IBITEKERANO N‘IBYITIRIRO

| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Intego y’iri somo ni ugaha abagize amatsinda ubumenyi ku bitekerano (Steotypes) no kuri **labelling (*ibyitiriro*)**, nka kimwe mu mvano y’ibikomere mu muryango nyarwanda |
| **UBURYO** | **Umwitozo ukorerwa mu ishuri n’itsinda ryose** |
| **IGIHE** | **Iminota 30** |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro binini n’ibikaramu binini by’amabara.<br>**Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa** |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

1. Shyira ibipapuro 2 ku rukuta byanditseho kimwe ijambo «ibitekerano» ikindi « Ibyitiriro»
2. Ha abari mu mahugurwa ibikaramu ubasabe kwandika ijambo ritanga igisobanuro cya buri jambo
3. Kurebera hamwe n’itsinda ibisobanuro/amagambo batanze
4. Kwerekana ubusobanuro nyabwo bw’ayo magambo uko ari abiri.

**INGINGO Z’INGENZI:**

**IBITEKERANO (STREOTYPES) NI IKI?**


Ni intekerezo rusange y’abantu ku itsinda runaka cyangwa ubwoko bw’abantu, bikunzwe kwitiranywa no kubeshyerana, kuko byose bishingiye ku gukeka.
Urugero : Abanyenduga ni indyarya

**IBYITIRIRO (LABELLING)**

Ibintu byitirirwa itsinda runaka cyangwa ishusho runaka ihabwa abo bantu, akenshi igendeye ku bitekerezo bidafitiwe gihamya.

Ibyititiro kandi ni ugusobanura umuntu cyangwa ikintu ukoresheje ijambo cyangwa interuro ngufi. Urugero nko gusobanura umuntu wishe amategeko nk’umunyabyaha.

### 4.2. GUSESENGURA IBITEKERANO




| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Gufasha abari mu itsinda kongera gusuzuma uko batekereza abantu bita ko atari abo mu myemerere n'umuco wabo, badahuje igitsina… |
| **UBURYO** | Gushyira abantu mu itsinda rya batanu.<br>Kubohereza gushaka ahantu hihereye baganirira. |
| **IGIHE** | Iminota 30 |
| **IBIKENEWE** | Amatsinda y'abantu batanu.<br>Ibibazo biteguye ku mpapuro.<br>Ibikaramu. |

UKO UMWITOZO UKORWA

1. Tekerereza mugenzi wawe mudahuje umuco cyangwa imyizerere. Ni ibiki mujya mumuvugaho iyo muri kumwe nabo mu itsinda muhuje imyemerere n'umuco ?
2. Ni ibiki mubona mu Rwanda mu bijyanye n'amoko buri bwoko bukunze kwitirira ubundi ?

**INGINGO Z'INGENZI**

Ibitekerano ni ugushyira abantu mu gatebo kamwe, ukitirira itsinda runaka imyitwarire runaka. Iyo myitwarire ishobora kuba myiza cyangwa mibi, nk'uko abanegihugu bamwe bavugwa ko ari abantu beza cyangwa babi.

Impamvu y'iri somo ni ukudufasha kumenya uko twabana n'abandi neza. Buri cyiciro gifite, ibintu

tugenderaho duha agaciro ibyo kivuga, twemeza ko ari bibi cyangwa byiza, tukanahitamo uko tubasubiza.

Biroroha kurema ibitekerano igihe ibyo ubitirira bigaragara neza kandi guhora ubibitirira byakoroherera n'abandi kubigenderaho.

Akenshi twakira ibyo abandi batwitirira (ibitekerano). Ibyo bidufasha kwemeranya n'abandi uko tubana n'abantu bo mu byiciro byose mu buryo bwiza.

Abantu baturuka mu matsinda afite ibitekerano yitirirwa bumva babangamiwe.

Ibitekerano bigenda bizenguruka nk'uruziga, abagabo bagira ibyo bitirira abagore, n'abagore bakagira ibyo bitirira abagabo. Mu miryango imwe nimwe y'abantu ibitekerano bituma abagore bumva ko abagabo ari abandi bantu batandukanye nabo. Ibyo kandi bikunda kuba mu moko nk'abazungu n'abirabura.

Ibitekerano bishobora kuba ibintu bitadusaba imbaraga nyinshi kubitekerezaho, ariko bibeshya imyanzuro yacu n'ibikorwa byacu kabone nubwo waba utabishaka.

Ntago ibitekerano biterwa n'urwango cyangwa ibitekerezo bibi. Ahubwo ni uburyo abantu baba bashaka gushyushya ikiganiro kandi ku bintu bidafite umumaro cyane bikazagera ubwo bibyara imyitwarire idahwitse.

### 4.3. INGARUKA Z'IBITEKERANO

| UMWITOZO WA 1 | |
|---|---|
| **INTEGO** | Uyu mwitozo urafasha abari mu itsinda kumva neza ingaruka ibitekerano bigira mu mibanire y'abantu ndetse no gutera ibikomere by'umutima |
| **UBURYO** | Gukorera mu matsinda ya batatu.<br>Gusubiza ibibazo biteguye ku mpapuro. |
| **IGIHE** | Iminota 30 |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro binini n'ibikaramu binini by'amabara.<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa. |

### UKO UMWITOZO UKORWA

1. Buri wese asubiza mu buryo bw'inyandiko ibibazo bikurikira:
   - Ni ibihe byiyumviro ngira iyo abantu bamvuga mu buryo numva atari bwo ?
   - Naho se ni ibihe byiyumviro ngira iyo mvuga abandi tudahuje?
   - Iyo mutekereje ishingiro byabyo mubona ari irihe ?
   - Nyuma buri wese atekerereze abandi ibisubizo yabonye

**INGINGO Z'INGENZI:**

Ibitekerano ntibikomeretsa gusa ahubwo ni na bibi. Nubwo ibitekerano hari igihe usanga aribyo, guhora ushyira umuntu hasi ugendeye ku buryo umubona ntibizamufasha gutsinda.

Ibitekerano bitera gufatwa nabi cyangwa guterwa ubwoba guhera umuntu akiri muto. Kandi ni uguha umwana imbaraga zo gufata abandi nabi akabikurana.

Ibitekerano bituma abantu babaho ubuzima buyobowe n'urwango, kandi bishobora gutuma ababikorerwa kuyoborwa n'ubwoba. Ababikorerwa n'ababikora bose babihomberamo.

**Ibitekerano bibuza umuntu amahirwe yo kubaka ubusabane n'ubwoko bw'abantu runaka. Bishobora no gutera ibikorwa bibi ku bandi.**

Ibitekerano bitera inkunga ikorwa ry'udutsinda mu mashuri no mu kazi. Abantu bagerageza kwihuza n'abo bameze kimwe bagashyira abandi basigaye hanze y'agatsinda kabo. Icyo gihe ibitekerano bishobora kubuza abantu amahirwe yo kumenya imico y'abandi kandi bigatuma habaho amacakubiri. Urugero; umukoresha ufata umukozi nabi bitewe n'ubwoko cyangwa igitsina bifatwa nk'amacakubiri mu mategeko. Ibitekerano bigira ingaruka ku byo dutekereza ku bandi; bikagira n'ingaruka no ku byo tubakorera.

## 4.4. GUHANGANA N'IBITEKERANO

| UMWITOZO WA 1 | |
|---|---|
| INTEGO | Uyu mwitozo urazamura imyumvire Kugirango abagize itsinda bashobore guhindura ibitekerano abantu bababonamo, batandukane nabyo. Kandi bamenye nabo ibyo bashyira ku bandi. |
| UBURYO | Kubaza no gusubiza ibibazo |
| IGIHE | Iminota 30. |
| IBIKENEWE | Inkuru iteguye |

### UKO UMWITOZO UKORWA

Gusaba abari mu itsinda gusubiza mu buryo bw'inyandiko ibibazo bikurikira :

- Ubona uburyo kukwiye bwo guhangana n'ibitekerano ari ubuhe ?

Buri wese narangiza kuvuga, muganire kuri ibi bikurikira:

Ese ni ubuhe buryo nshobora gukoresha kugirango nige kumenya abo tudahuje muburyo nyabwo?

**INGINGO Z'INGENZI:**

**Uburyo budakwiye bwo guhangana n'ibitekerano** ni ukubyirengagiza. Kuko iyo abantu bategetswe kubihagarika gutyo gusa badasobanuriwe ahubwo barushaho kugira intekerezo zifatiye ku bitekerano.

Ubundi buryo budakwiriye ni ukubifata nk'ibintu bisanzwe, Gordon W. Allport muw'1954 yasohoye inyandiko ivuga ko kwegerana no kuganira kw'abantu bishobora kugabanya ibitekerano. Ariko nanone kwegerana kw'abantu ntibihagije kuko abatujujwe ibyo abandi bahuriyeho bashobora kutemerwa mu itsinda ry'abo bandi bagashyirwa mu gatsinda kari munsi y'irindi. Guhangayika no kutamererwa neza bikiyongera. Mu gihe kwimakaza uburinganire mu bantu hatitawe ku byiciro barimo bishobora kongera ubushuti mu bantu.

**Uburyo bukwiriye bwo guhangana n'ibitekerano** harimo gukoresha ubwenge bigatuma abantu babasha kugabanya imyumvire irimo ibitekerano. Mur'uku guhagarika imyumvire irimo ibitekerano gucira urubanza ababikoresha si byiza. Hakirindwa kubica hejuru, kumva ibitekerezo bya mugenzi wawe ukumva impamvu afite imyitwarire runaka utagendeye ku bitekerano. Ibyo bifasha irinda tsinda kwiyumva mu itsinda ryanyu. Ikindi ni ukwiha intego y'ikirenga, iyo amatsinda abiri yifitemo ibitekerano, kwiha intego y'ikirenga kandi ishingiye ku matsinda yombi byongera imikoranire, n'ubushuti hagati y'ayo matsinda. Uburyo bukwiriye bwa nyuma ni ukwamagana ibikorwa byose bibi bizanywa n'ibitekerano. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ibitekerano bituma habaho imikorere mibi. Ibituranga bitandukanye biragaragara cyane iyo ibitekerano Bihari. Iyo twamaganye ibitekerano tukongera imibanire myiza, imikorere myiza iriyongera.

### IGIKA CYA 5: INKOMOKO „IDENTITY“ NK'IMVANO Y'IBIKOMERE BY'UMUTIMA

| | |
|---|---|
| 5.1. | IBIBAZO BIJYANA N'INKOMOKO Y'UMUNTU |
| 5.2. | KOMORA IBIKOMERE BITERWA N'INKOMOKO |

### IGIKA CYA 5: INKOMOKO „IDENTITY“ NK'IMVANO Y'IBIKOMERE BY'UMUTIMA

| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Intego y'iri somo ni ugaha abagize amatsinda ubumenyi ku bitekerano (Steotypes) no kuri **labelling (*ibyitiriro*)**, nka kimwe mu mvano y'ibikomere mu muryango nyarwanda |
| **UBURYO** | **Umwitozo ukorerwa mu ishuri n'itsinda ryose** |
| **IGIHE** | **Iminota 30** |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro binini n'ibikaramu binini by'amabara.<br>**Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa** |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

2. Gusaba buri wese uri mu mahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira :

Umuntu akubajije ngo uri inde urumva wamusubiza ngo iki ?

Ni iki udakunda mu inkomoko yawe (aho uvuka, imimerere yawe, amateka yawe)?

Kuki wumva utagikunda ?

> **INGINGO Z'INGENZI:**
>
> Iyo tuvuga inkomoko y'umuntu haba harimo irangamimerere ye, aho avuka, igitsina, uko ateye, ibyo yemera, imyerere y'igice yisangamo. Ibyo bose bituma umuntu aba uwo ariwe.

### 5.2. KOMORA IBIKOMERE BITERWA N'INKOMOKO

| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Intego y'iri somo ni ugaha abagize amatsinda ubumenyi ku bitekerano (Steotypes) no kuri **labelling (*ibyitiriro*)**, nka kimwe mu mvano y'ibikomere mu muryango nyarwanda |
| **UBURYO** | **Umwitozo ukorerwa mu ishuri n'itsinda ryose** |
| **IGIHE** | **Iminota 30** |
| **IBIKENEWE** | Ibipapuro binini n'ibikaramu binini by'amabara.<br>**Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa** |

**UKO UMWITOZO UKORWA**


1. Ikinamico zigaragaramo aba bakurikira:
    - Ibikomere biterwa n'amoko nk'inkomoko y'ibikomere mu Rwanda
    - Ibikomere bijyanye n'igitsina kuba ari umugore cyangwa umugabo
    - Ibikomere bikomoka ku muryango akomokamo
    - Uko umuntu yasohoka muri ibyo bikomere ntibikomeze kumuremerera
2. Muri buri gakinamico hagomba kwitabwaho ibi bikurikira:

**INGINGO Z'INGENZI:**

Ibigomba kwitabwaho

- Kumenya neza gusobanura igikomere gikomoka ku nkomoko
- Kwirinda ko umuntu akina ibyamubayeho kugirango ataza gutwarwa n'amarangamutima y'amateka ye bwite.
- Kugaruka cyane kuburyo abantu bashobora kwakira inkomoko zabo bakanahangana n'ibiri mu nkomoko zabo badashobora guhindura ariko bakabana nabyo mu buryo butabangiza. Kimwe mu bifasha ni ukumenya ibiguha imbaraga mu buzima akaba aribyo wubakiraho; ikindi ni ukwiha intego yawe mu buzima akaba ariyo iguha icyerezo.
- Ibigize inkomoko yacu si ibintu bimwe, bigenda byaguka ndetse bimwe bigahinduka. Uyu munsi uba uri ingaragu ejo ugashaka, uba uri umunyeshuri ukaba umukozi…

## 6. IBIKOMERE BYIHARIYE KU BAGABO NO KU BAGORE <GENDER BASED WOUNDS>



| | |
|---|---|
| 6.1. | IBISOBANURO BY'AMAGAMBO « GORE » NA « GABO » |
| 6.2. | GUSESENGURA IBIKOMERE BIIJYANYE BYIHARIYE KU BAGORE NO KU BAGABO |
| 6.3. | INGARUKA Z'IBIKOMERE BISHYINGIYE KU KUBA UMWE ARI UMUGORE UNDI ARI UMUGABO |
| 6.4. | GUHANGANA N'IINGARUKA Z'IBIKOMERE BYIHARIYE KU BAGORE NO KU BAGABO |

### 6.1. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO UMUGORE N'UMUGABO



| UMWITOZO | |
|---|---|
| INTEGO | Intego y'iri somo ni ugufasha abagize amatsinda kugira ubumenyi ku bikomere byihariye bishingiye ku kuba uri Umugore cyangwa Umugabo |
| UBURYO | Umwitozo ukorerwa n'itsinda ryose |
| IGIHE | Iminota 30 |
| IBIKENEWE | Ibipapuro binini<br>Ibikaramu binini<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

3. Shyira ibipapuro 2 ku rukuta byanditseho kimwe ijambo umugore ahandi handitse umugabo.
4. Ha abari mu itsinda ibikaramu ubasabe kwandika ijambo ritanga igisobanuro cya buri jambo bakurikije uko babona abagore n'abagabo bafatwa mu muryango nyarwanda, mu mirimo bakora, uruhare bagira mu mibereho ya buri wese, …..
5. Niba nta bipapuro binini bibonetse, saba buri wese kwandika ibisobanuro by'ayo magambo mu gakayi ke
6. Kurebera hamwe n'itsinda ibisobanuro/amagambo batanze
7. Kwerekana ubusobanuro nyabwo bw'ayo magambo uko ari abiri.

**INGINGO Z'INGENZI:**

Iyo bavuze umugore cyangwa umugabo bashobora kuba bavuga ku miterere karemano ariko aha ngaha turibanda cyane kuko umuryango utandukanya umugore n'umugabo bishingiye cyane ku ndererwamo z'umuco n'uburyo utanga inshingano kuri buri umwe.

### 6.2. GUSESENGURA IBIKOMERE BIIJYANYE BYIHARIYE KU BAGORE NO KU BAGABO

| UMWITOZO | |
|---|---|
| INTEGO | Gufasha abari mu itsinda kongera gusuzuma ibikomere byihariye bagabo no ku bagore |
| UBURYO | Gushyira abantu mu itsinda rya batanu bishingiye ku gitsina.<br>Kubohereza gushaka ahantu hihereye baganirira. |
| IGIHE | Iminota 30 |
| IBIKENEWE | Amatsinda y'abantu batanu.<br>Ibibazo biteguye ku mpapuro.<br>Ibikaramu.<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

- Ni ibihe bikomere mubona byihariye ku bagore/abagabo biterwa nuko umuco nyarwanda ubona buri wese ?
- Ni ibiki mubona aho mutuye abagore bavuga ku bagabo cyangwa se abagabo bavuga ku bagore bishobora gukomeretse umwe cyangwa undi ?

**INGINGO Z'INGENZI**

Bimwe mu bikomere bitandukanye byakunze kugaragara mu Rwanda byihariye ku bagore harimo gufatwa ku ngufu mu gihe cya jenoside yakorewe abatutsi ;

Abakobwa babyara bakiri bato bakangwa n'imiryango yabo…

Ibikomere byihariye ariko ntibigaragara ku b'igitsina gore gusa kuko hari n'abagabo bahohoterwa bagakubitwa n'abagore babo nubwo imibare yerekana ko ari bake ugereranije n'abagore. Birushaho kuba bibi ku bagabo kuko baranabihisha kugirango batagaragara nk'abanyantege nke cyane ko umuco ubasaba kuba abantu bafite ingufu kandi batagomba kwerekana ko hari ibyo badashoboye.

### 6.3. INGARUKA Z'IBIKOMERE BISHYINGIYE KU KUBA UMWE ARI UMUGORE UNDI ARI UMUGABO

| UMWITOZO | |
|---|---|
| INTEGO | Uyu mwitozo urafasha abari mu itsinda kumva neza ingaruka bigira mu mibereho ndetse n'imibanire y'abantu ndetse no gutera ibikomere by'umutima |
| UBURYO | Gukorera mu matsinda ya batatu.<br>Gusubiza ibibazo biteguye ku mpapuro. |
| IGIHE | Iminota 30 |
| IBIKENEWE | Ibipapuro binini byo kwandikaho<br>Ibikaramu byo kwandikisha<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

- Buri wese asubiza mu buryo bw'inyandiko ibibazo bikurikira:
- Ni ibihe byiyumviro ngira iyo abantu bamfata mu buryo buntesha agaciro kuko ndi umugore/ umugabo?
- Naho se ni ibihe byiyumviro ngira iyo abandi tudahuje bavugwa cyangwa bakorerwa ibintu bibatesha agaciro kuko ari abagore/ abagabo?
- Iyo mutekereje ishingiro byabyo mubona ari irihe?
- Nyuma buri wese atekerereze abandi ibisubizo yabonye.

**INGINGO Z'INGENZI:**

Akenshi iyo abantu bari mu muco runaka udaha agaciro itsina runaka ntibakunze kumenya ko babakomeretsa. Ndetse nabo bagirwa ibyo ntibakunze guharanira uburenganzira bwabo kuko bigera aho bikaba ubuzima.

Usanga hari n'interuro cyangwa imigani imwe nimwe igaragaza uburyo abantu bafata abandi

Urugero. Urugo ruvuze umugore ruvuga umuhoro.

Nta nkokokazi ibika isake ihari

Ibi bigera naho amakosa yabandi ashobora gufatwa nk'ikintu kiza kuko bamwe bashyirwa hejuru.

Urugero : umugabo n'urya utwe akarya n'utwabandi.

Ingaruka zibaho nuko usanga mu mibanire nta bwisanzure bubamo ndetse bikadindiza n'iterambere kuko bamwe baba basa n'abarihejweho.

### 6.4. GUHANGANA N'IINGARUKA Z'IBIKOMERE BYIHARIYE KU BAGORE NO KU BAGABO

| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Uyu mwitozo urazamura imyumvire Kugirango abagize itsinda bashobore guhindura imyimvire abantu bababonamo, batandukane nayo. Kandi bamenye nabo ibyo bashyira ku bandi. |
| **UBURYO** | |
| **IGIHE** | Iminota 30. |
| **IBIKENEWE** | Inkuru iteguye |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

Gusaba abari mu itsinda gusubiza mu buryo bw'inyandiko ibibazo bikurikira :


- Ubona uburyo bukwiye bwo guhangana n'ibibazo biterwa nuko bafata umugore cyangwa umugabo ari ubuhe ?

Buri wese narangiza kuvuga, muganire kuri ibi bikurikira:

- Ese ni ubuhe buryo nshobora gukoresha kugirango nige guha agaciro abo tudahuje mu buryo nyabwo?



**IGIKA CYA 7. INZIRA YO GUKIRA IBIKOMERE**



| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Gufasha abagize itsinda kumva neza inzira umuntu acamo kugirango abashe komora ibikomere bitandukanye yahuye nabyo mu buzima |
| **UBURYO** | Gutekereza buri wese ku giti cye.<br>Ibitekerezo by'itsinda. |
| **IGIHE** | Iminota 60. |
| **IBIKENEWE** | Igipapuro kinini bikaramu binini<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

1. Mu matsinda ya batanu, abagize itsinda baraganira icyo komora ibikomere aricyo.

### 7.2 INZIRA YO KOMORA IBIKOMERE



| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Gufasha abagize itsinda kumva neza inzira umuntu acamo kugirango abashe komora ibikomere bitandukanye yahuye nabyo mu buzima |
| **UBURYO** | Gutekereza buri wese ku giti cye.<br>Ibitekerezo by'itsinda. |
| **IGIHE** | Iminota 60. |
| **IBIKENEWE** | Igipapuro kinini bikaramu binini<br>Iyo bitabonetse buri wese ashobora kuyandika ku gapapuro ke kamufasha kwiyibutsa |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

2. Ese umuntu kugirango yomore ibikomere bisaba iki?

**UKO UMWITOZO UKORWA**

- Ni ibihe bintu mubona bifasha umuntu gukira ibikomere no kongera kwiyubaka?

**INGINGO Z'INGENZI**

1. Umuntu ashobora gufasha ku giti cye n'ababigize umwuga
2. Umuntu agomba kugira umurimo runaka akora utuma yumva hari icyo amaze, kudahugira ku bikomere bye ndetse ukamufasha no gukemera ibibazo bisanzwe by'ubuzima
3. Umuryango nyarwanda ukwiye kongera kubaka ikizere gituma abantu bashobora kongera kubana batishishanya aho batuye
4. Umuryango nyarwanda ukwiye kubaka inzego buri munyarwanda wese yisangamo akumva atekanye kandi yisanzuye.
5. Ubukungu bukwiye kuba busanganwa kuburyo buri wese agira ikizere cy'ejo hazaza
   - Kubaka Igihugu kigendera kumategeko umuco wo kudahana abanyabyaha ugacika
   - Umuryango nyarwanda ukwiye gukomeza umuco wo kwibuka no guha agaciro abawo bapfuye bifasha buri wese yiyubaka

## IGIKA CYA 8. GUTEKEREZA BISESENGURA



| | |
|---|---|
| 8.1. | IBISOBANURO CYO GUTEKEREZA BISESENGURA |
| 8.2 | KWITOZA GUTEKEREZA BISESENGURA |

| UMWITOZO | |
|---|---|
| | Gukereza bisesengura bizafasha abagize itsinda kubaka ubushobozi n'ubushake bwo gutekereza mu buryo butabogama bufite ibimenyetso. Bizafasha kandi abagize itsinda kumenya gushungura no kudatwarwa n'ibintu by'ibihuha. |
| | Gutekereza buri wese ku giti cye.<br>Ibitekerezo by'itsinda. |
| | Iminota 120.<br>Igipapuro kinini bikaramu binini |

### UKO UMWITOZO UKORWA

3. Gushaka interuro buri wese mu bagize itsinda ashobora kwemera, guhakana cyangwa kutagira uruhande afata
4. Buri wese agasobanura impamvu yahisemo kuba mu ruhande runaka
5. Uyoboye ikiganiro ntiyemerewe kugira igitekerezo atanga cyangwa uruhande abarizwamo
6. Buri tsinda riragerageza kwemeza irindi impamvu ryahisemo gufata uruhande runaka
7. Uwumva yemeye ashobora guhindura uruhande

**INGINGO Z'INGENZI:**

- Gutekereza bisesengura byimbitse ntibivuga kujora ibyabandi bavuga, cyangwa kunenga. Bivuga gufata umwanya ugatekereza ugashungura ukabona gufata icyemezo kandi ukaba ushobora gusobanura impamvu zifatika wahisemo icyemezo cyawe.
- Gukereza bisesengura byimbitse bisaba kuba ufite amakuru ahagije ku kintu runaka, uri umuntu ufunguste kuburyo wakir ibitekerezo by'abandi kabone nubwo mutakwemeranya.

## IGIKA CYA 9. GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU BURYO BUDAHUTAZA



| | |
|---|---|
| 9.1. | GUSOBANUKIRWA N'AMAKIMBIRANE |
| 9.2. | INZIRA YO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU BURYO BUDAHUTAZA |

| **UMWITOZO** | |
|---|---|
| **INTEGO** | Kugerageza kwereka abagize itsinda uburyo butandukanye bwo gukemura amakimbirane mu buryo budahutaza.<br>Kumenya uburyo wakwitwara mu gukemura ibibazo by'ubuzima busanzwe.<br>Kwiga uburyo bwo kubaho udakomeretsa abandi |
| **UBURYO** | Gutekereza buri wese ku giti cye.<br>Ibitekerezo by'itsinda. |
| **IGIHE** | Iminota 60. |
| **IBIKENEWE** | Igipapuro kinini bikaramu binini.<br>Igihe bitabotse, hifashishwa udukayi duto buri wese akandika ibijyanye n'umwitozo watanzwe |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

Abagize itsinda barafata udupapuro duto. Buri wese arasubiza ibibazo bikurikira:

- Amakimbirane ni iki?
- Ni ibiki mubona bitera amakimbirane aho mutuye?

**INGINGO Z'INGENZI:**

Amakimbirane ni ubushyamirane, kutavuga rumwe cyangwa kutumvikana hagati y'abantu babiri cyangwa benshi, hagati y'amatsinda y'abantu, hagati y'uturere cyangwa hagati y'ibihugu biturutse ku kudahuza ibitekerezo cyangwa ku kudahuza inyungu.

Ubu bushyamirane bushobora no kuba mu muntu ubwe, biturutse ku kugongana kw'ibitekerezo muri we.

Iyo umuntu avuze amakimbirane, akenshi humvikana imvururu, intambara, umwuka mubi mu bantu, guhangana, inzangano n'ibindi bibi byinshi.

Ntibikwiye kumva ko amakimbirane buri gihe ari ikintu kibi ndetse gikwiye kwamaganirwa kure. Ahubwo uburyo tuyitwaramo nibwo butuma abyara ibintu bibi cg ibyiza.

## 9.2 INZIRA YO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU BURYO BUDAHUTAZA

| **UMWITOZO** | |
|---|---|
| **INTEGO** | Kugerageza kwereka abagize itsinda uburyo butandukanye bwo gukemura amakimbirane mu buryo budahutaza.<br>Kumenya uburyo wakwitwara mu gukemura ibibazo by'ubuzima busanzwe.<br>Kwiga uburyo bwo kubaho udakomeretsa abandi |
| **UBURYO** | Gutekereza buri wese ku giti cye.<br>Ibitekerezo by'itsinda. |
| **IGIHE** | Iminota 60. |
| **IBIKENEWE** | Igipapuro kinini bikaramu binini cyangwa kwandika mu dukayi duto |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

Abagize itsinda barafata udupapuro duto. Buri wese arasubiza ibibazo bikurikira:


- Ni ubuhe buryo mwumva amakimbirane yakemukamo mu buryo budahutaza?

**INGINGO Z'INGENZI:**

**KUMVIKANA**

Kumvikana ni imyitwarire ituma hari icyo uruhande rumwe rutakaza, ariko nanone rukagira narwo icyo rubona hadakoreshejwe ingufu. Ibi bifasha buri wese gusohoka mu makimbirane bitamuteye ipfunwe cyangwa igihombo kandi akabana nuwo bari bafitanye ikibazo mu buryo bwiza.

## IGIKA CYA 10. KUMENYA KUVUGANA N'ABANTU N' IMIYOBORERE MYIZA



| | |
|---|---|
| 10.1. | KUMENYA KUVUGANA N'ABANTU |
| 10.2. | IMIYOBORERE MYIZA |

| UMWITOZO | |
|---|---|
| **INTEGO** | Kugerageza kwereka abagize itsinda uburyo bwiza bwo kuvugana n'abantu utabakomeretsa. |
| **UBURYO** | Gutekereza buri wese ku giti cye.<br>Ibitekerezo by'itsinda. |
| **IGIHE** | Iminota 60. |
| **IBIKENEWE** | Igipapuro kinini bikaramu binini |

**UKO UMWITOZO UKORWA**

8. Gukora amatsinda ukoresheje uburyo bwo kuvuga imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5.
9. Kumanika mu nguni zitandukanye ibipapuro byanditseho kimwe kimwe inyuguti kuva kuri 1kugeza kuri 5
10. Gusaba buri wese kujya ku gipapuro kitiranwa n'umubare yavuze

**Umwitozo**

Mukore amatsinda ya mukurikije umubare mwavuze hanyuma mu matsinda muganireku bibazo bikurikira:

- Ni iki kikubwira ko umuntu akubwira ibintu mu buryo bwiza bwumvikana kandi budakomeretsa?

Gusaba buri tsinda kuva ku gipapuro cyabo bakajya kureba ibyo abandi bakoze ndetse babona hari icyo bakongeraho bakabikora. Gusaba ko abagize itsinda basubira mu byicaro byabo. Umufashamyumvire asaba uhagarariye buri tsinda gusoma ibyo banditse no kugenda buri gihe yemeza ibiribyo, no gukuramo ibitaribyo ndetse no kongeramo ibiburamo niba ari ngombwa.

**Ingingo z'ingenzi**

- Kumenya kuvugana n'abantu mu buryo bwiza ni ukwemera ibitekerezo byabo amarangamutima, mukaza kugira aho muhurira.
- Bimwe mubifasha hari uko witwara igihe uvugana nabandi, uko wemera kugirwa inama igihe ari ngombwa, uko wakira ibitekerezo byabo.

**10.2 IMIYOBORERE MYIZA**

| **UMWITOZO** | |
|---|---|
| **INTEGO** | Gufasha abagize itsinda kwiga uburyo bwiza bwo kuyobora abandi. |
| **UBURYO** | Ibiganiro mu matsinda |
| **IGIHE** | Iminota 60. |
| **IBIKENEWE** | Igipapuro kinini bikaramu binini |

**UKO UMWITOZO UKORWA:**

**Umwitozo**

Mukore amatsinda ya mukurikije umubare mwavuze hanyuma mu matsinda muganire ku bibazo bikurikira:

- Ni iki kikubwira ko umuntu akubwira ubushobozi bwo kuyobora abandi?

**INGINGO Z'INGENZI:**

- Bimwe mubiranga umuyobozi mwiza ni ukuba umunyakuri no kugira umurongo ngenderwaho mu kazi ukora.
- Kwemerako ibintu byose udashobora kubikora wenyine ugasaranganya inshingano n'abandi muri kumwe
- Kumenya kuvugana n'abantu mu buryo bwiza budakomeretsa
- Kumenya guhagara kubyo wemera igihe bifite ukuri no gutera akanyabugabo abo muri kumwe
- Kumenya kwiyemeza
- Guhimba ibishya
- Gutuma abandi bagira icyo bakwigiraho
- Kumenya kwishyira mu mwanya w'abandi
- Kwemera kubazwa ibijyanye n'inshingano wahawe
- Kugira intumbero
- Gufata inshingano

**UMWANZURO**

Iyi nyoborabiganiro igenewe urubyiruko rwiga n'urutiga rushaka gufashirizwa mu matsinda amara nibura igihe cya amezi icumi.

Uyobora ibiganiro agomba kuba yarakurikiye rimwe mu mahugurwa agenewe abababyi b'amahoro.

Iyi ni inyoborabiganiro , ntifite amakuru yose ahubwo ifasha abayikoresha kwikorera ubushakashatsi bwimbitse kuri buri ngingo bashaka gukoraho ikiganiro.

**IBITABO BYIFASHISHIJWE**


1. Adriaenssens J., Situation politique et sociale du Rwanda, s.l. 1960
2. Ajdukovic, D. (2004). Social contexts of trauma and healing. Med Confl Surviv, 20:120-35.
3. Dar, Ong Lin. Trust in Co-Workers and Employee Behaviours at Work. International Review of Business Research Papers Vol 6, No.1, February 2010 pp.194-204
4. http://editions-sources-du-nil.over-blog.com/2014/08/la-carte-d-identite-au-rwanda.html
5. http://smallbusiness.chron.com/5-conflict-management-strategies-16131.html
6. http://www.amanet.org/training/articles/the-five-steps-to-conflict-resolution.aspx
7. http://www.open.edu/openlearn/education/key-skill-assessment-communication/content-section-0?LKCAMPAIGN=ebook_MEDIA=ol Monday 7 March 2016
8. King, R.U. (2011) "Healing Psychosocial Trauma in the Midst of Truth Commissions: The Case of Gacaca in Post-Genocide Rwanda," Genocide Studies and Prevention: An International Journal, Vol. 6 (2): 134-151. Available at: http://scholarcommons.usf.edu/gsp/vol6/iss2/5
9. Mindtools.com. Leadership Skills Articles, various. Retrieved April 27, 2018. http://www.mindtools.com/pages/article/newLDR_04.htm
10. National Unity and rconciliation commission (2016) **History of Rwanda** : From the beginning to the end of the twentieth century. ISBN 97-99977-709-9-7
11. Prunier, G. (1995): the Rwanda crises (1959-1994). history of a genocide
12. Thoits P. 1986. Multiple identities: examining gender and marital status differences in distress. Am. Sociol. Rev. 51(2):259–72
13. ThoitsP, Virshup L .1997. Me'sand we's: formsand functions of social identities. In Self and Identity: Fundamental Issues, ed. RD Ashmore, L Jussim, Vol. 1. New York: OxfordUniv. Press. In press
14. Yzerbyt, V., Rocher, & Schadron, G (1997) streotypes as explainations: A subjective essentialistic view of group perception. In R. Spears & P.J Oakes (eds), The social psychology of steotyping and group life (pp20-50) Oxford, Uk Blackwell.

Never Again Rwanda
268 St House 9 Avenue Kigali - Nyarutarama, Kigali-Rwanda
+250 788 386 688

**Connect with us:**

NARwanda